<u>Akiciro ka 2: Inama y’Ubuyobozi</u> <u>Ingingo ya 12: Abagize Inama y’Ubuyobozi</u> (1) Inama y’Ubuyobozi igizwe n’abantu icyenda bakurikira: (a) abanyamuryango batanu batorwa n’Inteko Rusange barimo Perezida na Visi Perezida; (b) abahagarariye izindi nzego bakurikira: (i) uhagarariye Urwego rufite amasoko ya Leta mu nshingano; (ii) umwarimu umwe utorwa mu mashuri makuru ya Leta atanga impamyabumenyi mu itangwa ry’amasoko; (iii) umwarimu umwe utorwa mu mashuri makuru yigenga atanga impamyabumenyi mu itangwa ry’amasoko;	<u>Subsection 2: Governing Council</u> <u>Article 12: Composition of the Governing Council</u> (1) The Governing Council comprises the following nine members: (a) five members elected by the General Assembly, including a Chairperson and a Vice Chairperson; (b) the following ex officio members: (i) a representative of the Organ in charge of public procurement; (ii) a teaching staff member elected within public institutions of higher learning which award degrees in procurement; (iii) a teaching staff member elected within private institutions of higher learning which award degrees in procurement;	<u>Sous-section : Conseil d’administration</u> <u>Article 12 : Composition du Conseil d’administration</u> (1) Le Conseil d’administration se compose des neuf membres suivants : (a) cinq membres élus par l’Assemblée générale dont un Président et un Vice-président ; (b) les membres d’office suivants : (i) un représentant de l’Organe ayant les marchés publics dans ses attributions ; (ii) un membre du personnel enseignant élu au sein des établissements d’enseignement supérieur publics qui délivrent des diplômes en passation des marchés ; (iii) un membre du personnel enseignant élu au sein des établissements d’enseignement supérieur privés qui délivrent des diplômes en passation des marchés ;
---	---	---

(iv) uhagarariye Urugaga rw'Abikorera. (2) Amategako ngengamikorere ya IPPR akena uburyo amatora avugwa mu gika cya (1)(a) akorwa. <u>Ingingo ya 13: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi</u> Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira: (a) kwemeza urutonde rw'abanyamuryango ba IPPR; (b) gushyiraho komite idasanzwe n'abayigize, uretse komite isuzuma ibirebana n'Inama y'Ubuyobozi; (c) gusuzuma raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari by'umwaka urangiye; (d) gusuzuma umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'uw'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira;	(iv) a representative of the Private Sector Federation. (2) the Rules of Procedure of IPPR determine modalities for conduct of the elections referred to in Paragraph (1)(a). <u>Article 13: Responsibilities of the Governing Council</u> The Governing Council has the following responsibilities: (a) to approve the list of members of IPPR; (b) to establish an ad hoc committee and appoint its members with the exception of the committee examining issues concerning the Governing Council; (c) to consider the activity report and budgetary execution report of the preceding year; (d) to consider the draft annual action plan and budget for the following year;	(iv) un représentant de la Fédération du Secteur privé. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités d'organisation des élections visées au paragraphe (1)(a). <u>Article 13: Attributions du Conseil d'administration</u> Le Conseil d'administration a les attributions suivantes : (a) approuver la liste des membres de l'IPPR; (b) mettre en place un comité ad hoc et en nommer les membres, à l'exception du comité chargé d'examiner des questions concernant le Conseil d'administration ; (c) examiner le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire pour l'exercice précédent ; (d) examiner le projet de plan d'action et le projet de budget pour l'exercice suivant ;
--	---	--

(e) gushaka no gushyira mu mwanya Umunyamabanga Nshingwabikorwa;	(e) to recruit and appoint the Executive Secretary;	(e) recruter et nommer le Secrétaire exécutif ;
(f) kwemeza imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya IPPR;	(f) to approve the organisational structure of IPPR;	(f) adopter la structure organisationnelle de l'IPPR ;
(g) gushyiraho imirongo ngenderwaho mu guteza imbere umwuga wo gutanga amasoko;	(g) to issue guidelines for the promotion of the procurement profession;	(g) émettre des lignes directrices pour la promotion de la profession de passation des marchés ;
(h) gusuzuma igenamigambi ry'igihe kirekire rya IPPR;	(h) to examine the strategic plan of IPPR;	(h) examiner le plan stratégique de l'IPPR ;
(i) kwemeza amanota y'abakoze ibizamini mbonezamwuga;	(i) to validate results of those having sat for professional examinations;	(i) valider les résultats des personnes ayant passé les examens professionnels ;
(j) gutanga impamyabushobozi ku barangije kwiga amasomo mbonezamwuga;	(j) to award certificates to those having successfully completed the professional programme;	(j) délivrer des certificats à ceux qui ont terminé avec succès le programme professionnel ;
(k) gusuzuma no kwemeza raporo n'imyanzuro bya Komite uretse ibya Komite ishinze imyitwarire na Komite isuzuma ikibazo kirebana n'Inama y'Ubuyobozi;	(k) to consider and approve reports and resolutions of the committees, except those of the Disciplinary Committee and the committee examining issues which concern the Governing Council;	(k) examiner et approuver les rapports et les résolutions des comités, à l'exception de ceux du Comité de discipline et du comité chargé d'examiner des questions concernant le Conseil d'administration ;
(l) gusuzuma imishinga y'inyandiko za politiki na gahunda y'imikorere bya IPPR;	(l) to consider the draft policy documents and action plan of IPPR;	(l) examiner les projets de documents de politique et de plan d'action de l'IPPR ;

(m)gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko Rusange; (n) gusuzuma umushinga w'amategeko ngengamikorere n'uw'amategeko ngengamytwarire bya IPPR; (o) gusuzuma ubujurire ku byemezo byafashwe na Komite ishinzwe imytwarire; (p) gutanga no kwambura umunyamuryango wa IPPR uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga; (q) gutegura umushinga w'ibihembo ngenderwaho bigenerwa umunyamuryango wa IPPR ukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga; (r) gusuzuma ibibazo byerekeye imikorere y'umwuga wo gutanga amasoko; (s) gukora indi nshingano yahabwa n'Inteko Rusange.	(m)to follow up on the implementation of the decisions of the General Assembly; (n) to consider draft Rules of Procedure and draft Code of Ethics of IPPR; (o) to consider appeals against decisions of the Disciplinary Committee; (p) to issue and revoke a licence to practice as an independent procurement professional granted to a member of IPPR; (q) to prepare the draft benchmark tariff for remunerations for a member of IPPR practicing as an independent procurement professional; (r) to consider issues pertaining to the practice of the procurement profession; (s) to perform any other duty as may be assigned to it by the General Assembly.	(m)faire le suivi de la mise en œuvre des décisions de l'Assemblée générale ; (n) examiner le projet de Règlement intérieur et celui de Code de déontologie de l'IPPR ; (o) examiner les recours contre les décisions du Comité de discipline ; (p) délivrer et retirer une licence d'exercice de la profession de passation des marchés délivré à un membre de l'IPPR en tant que professionnel indépendant ; (q) élaborer le projet de barème de référence des rémunérations pour un membre de l'IPPR exerçant en tant que professionnel indépendant en passation des marchés ; (r) examiner les questions liées à l'exercice de la profession de passation des marchés ; (s) accomplir toute autre tâche que l'Assemblée générale peut lui confier.
--	---	---

<u>Ingingo ya 14: Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ni izi zikurikira: (a) gutumira no kuyobora inama y’Inteko Rusange n’iy’Inama y’Ubuyobozi; (b) guhagararira IPPR imbere y’amategeko; (c) kureberera no gukurikiranira hafi imikorere y’inzego z’ubuyobozi za IPPR; (d) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inteko rusange n’iby’Inama y’Ubuyobozi; (e) gukora indi nshingano yahabwa n’Inteko Rusange cyangwa n’Inama y’Ubuyobozi iri mu nshingano zabyo.	<u>Article 14: Responsibilities of the Chairperson of the Governing Council</u> The Chairperson of the Governing Council has the following responsibilities: (a) to convene and chair the meeting of the General Assembly and Governing Council; (b) to serve as the legal representative of IPPR; (c) to oversee and closely monitor the functioning of management organs of IPPR; (d) to follow up on the implementation of the decisions of the General Assembly and those of the Governing Council; (e) to perform any other duty as may be assigned by the General Assembly or the Governing Council which falls within their responsibilities.	<u>Article 14 : Attributions du Président du Conseil d’administration</u> Le Président du Conseil d’administration a les attributions suivantes : (a) convoquer et présider la réunion de l’Assemblée générale et du Conseil d’administration ; (b) être le représentant légal de l’IPPR ; (c) superviser et suivre de près le fonctionnement des organes de direction de l’IPPR ; (d) assurer le suivi de la mise en exécution des décisions de l’Assemblée générale et de celles du Conseil d’administration ; (e) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de l’Assemblée générale ou du Conseil d’administration que ces derniers peuvent lui confier.
<u>Ingingo ya 15: Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ni izi zikurikira:	<u>Article 15: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Governing Council</u> The Vice Chairperson of the Governing Council has the following responsibilities:	<u>Article 15 : Attributions du Vice-président du Conseil d’administration</u> Le Vice-président du Conseil d’administration a les attributions suivantes :

(a) kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora indi nshingano yahabwa n'Inteko Rusange cyangwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zabyo.	(a) to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; (b) to perform any other duty as may be assigned by the General Assembly or the Governing Council which falls within their responsibilities.	(a) assister le Président et le remplacer en cas d'absence ; (b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de l'Assemblée générale ou du Conseil d'administration que ces derniers peuvent lui confier.
<u>Ingingo ya 16:</u> Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi batorwa Abagize Inama y'Ubuyobozi batorwa bagira manda y'imyaka itatu. Bashobora kongera gutorerwa indi manda imwe.	<u>Article 16:</u> Term of office for elected members of the Governing Council Elected members of the Governing Council serve for a three-year term of office. They may be re-elected once.	<u>Article 16 :</u> Mandat des membres élus du Conseil d'administration Les membres élus du Conseil d'administration ont un mandat de trois ans. Ils peuvent être réélus une seule fois.
<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya kubera imwe mu mpamvu zikurikira: (a) manda yatorewe irangiye; (b) yeguye akoresheje inyandiko; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe na muganga	<u>Article 17:</u> Grounds for loss of membership in the Governing Council A member of the Governing Council loses membership on any of the following grounds: (a) the expiry of the term of office for which he or she was elected; (b) resignation in writing; (c) inability to continue fulfilling his or her duties due to illness or disability as certified by a	<u>Article 17 :</u> Motifs de perte de la qualité de membre du Conseil d'administration Un membre du Conseil d'administration perd sa qualité de membre pour l'un des motifs suivants : (a) expiration du mandat pour lequel il a été élu ; (b) démission par écrit ; (c) incapacité à continuer à remplir ses fonctions pour cause de maladie ou de handicap constatés par un

wemewe na Leta; (d) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (e) asibye inama z'Inama y'Ubuyobozi inshuro eshatu zikurikirana mu gihe cy'umwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro; (f) ahaniwe ikosa ry'imyitwarire itajyanye n'ibiteganywa n'amategeko ngengamyitwarire ya IPPR ; (g) atacyujye ibyashyingiweho ashirwa mu Nama y'Ubuyobozi ; (h) apfuye. <u>Ingingo ya 18:</u> Isimburwa ry'ugize Inama y'Ubuyobozi utorwa uvuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira (1) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi watowe avuye kuri uwo mwanya hasigaye amezi arenze atandatu kugira ngo manda	recognised medical doctor; (d) having been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement which has become final; (e) failure to attend, without valid reasons, three consecutive meetings of the Governing Council in a single year; (f) disciplinary sanction for conduct inconsistent with the code of ethics of IPPR; (g) ceasing to meet the criteria for which were the basis for his or her appointment to the Governing Council; (h) death. <u>Article 18:</u> Replacement of elected member of the Governing Council losing membership before the expiry of his or her term of office (1) When an elected member of the Governing Council loses his or her membership while the remainder of his or her term of office for which he or she	médecin agréé ; (d) condamnation à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement devenu définitif; (e) absence à trois réunions consécutives du Conseil d'administration au cours d'une année sans motifs valables ; (f) sanction disciplinaire pour conduite incompatible avec le Code de déontologie de l'IPPR ; (g) fait de cesser de satisfaire aux critères ayant servi à sa nomination au Conseil d'administration ; (h) décès. <u>Article 18:</u> Remplacement d'un membre élu du Conseil d'administration qui perd sa qualité de membre avant l'expiration de son mandat (1) Lorsqu'un membre élu du Conseil d'administration perd sa qualité de membre alors que la durée restant à courir du mandat pour lequel il a été élu
--	---	--

yatorewe irangire, hakorwa itora ry'umusimbura mu nama y'Inteko Rusange ikurikira. Utowe arangiza igice gisigaye cya manda cy'uwo asimbuye. Icyakora, iyo usimbura ari Perezida cyangwa Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi cyangwa bombi, itora ryo gusimbura rikorwa mu nama idasanzwe y'Inteko Rusange, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uherye ku munsu aviriyeye mu Nama y'Ubuyobozi. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR atera uburyo amatora yo gusimbura ugize Inama y'Ubuyobozi akorwa.	was elected is longer than six months, his or her replacement is elected at the next meeting of the General Assembly. The person elected serves for the remainder of his or her predecessor's term of office. However, if the Chairperson or Vice Chairperson of the Governing Council, or both, are the ones to be replaced, the election to replace them is held at an extraordinary meeting of the General Assembly within 30 days from the date of loss of their membership in the Governing Council. (2) The Rules of Procedure of IPPR determine procedures for the election to replace a member of the Governing Council.	est supérieure à six mois, il est procédé à l'élection de son remplaçant lors de la réunion suivante de l'Assemblée générale. La personne élue exerce son mandat pour la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur. Toutefois, en cas de remplacement du Président ou du Vice-président ou des deux, l'élection pour leur remplacement a lieu lors d'une réunion extraordinaire de l'Assemblée générale dans les 30 jours suivant le jour de perte de leur qualité de membre du Conseil d'administration. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR fixe les modalités d'élection pour le remplacement d'un membre du Conseil d'administration.
<u>Ingingo ya 19: Inama y'Inama y'Ubuyobozi</u> Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari. Iyo bombi badahari, abanyamuryango bagize Inama y'Ubuyobozi bitaramo utumiza inama akanayiyobora. Ubutumire bukorwa mu nyandiko igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa bugashyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi	<u>Article 19: Meeting of the Governing Council</u> The meeting of the Governing Council is held once a quarter and whenever necessary, at the invitation of its Chairperson or, in his or her absence, of its Vice Chairperson. If both are absent, members of the Governing Council elect from among themselves a member who convenes and chairs the meeting. The meeting is convened by a written notice, specifying items on the agenda and sent to	<u>Article 19: Réunion du Conseil d'administration</u> Le Conseil d'administration se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en cas d'absence, sur celle de son Vice-président. En cas d'absence des deux, les membres du Conseil d'administration élisent en leur sein celui qui convoque et préside la réunion. La convocation se fait au moyen d'un avis écrit indiquant les points à l'ordre du jour et transmis aux

irindwi kugira ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu kugira ngo iterane.	members of the Governing Council at least seven days before the meeting. However, the extraordinary meeting is convened in writing at least three days before the meeting.	membres du Conseil d'administration au moins sept jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours avant sa tenue.
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyandikomvugo n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 20:</u> Minutes and decision-making by the Governing Council	<u>Article 20 :</u> Procès-verbal et prise de décisions de la réunion de l'Assemblée générale
(1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abagize inama y'Inama y'Ubuyobozi bahari.	(1) The Governing Council takes decisions by consensus. If no consensus is reached, decisions are taken by a two-thirds majority of members of the Governing Council present at the meeting.	(1) Le Conseil d'administration prend ses décisions par consensus. À défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité des deux tiers des membres du Conseil d'administration présents à la réunion.
(2) Umunyamabanga Nshingwabikorwa yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi ariko ntatora mu gihe cyo gufata ibyemezo.	(2) The Executive Secretary takes part in the meetings of the Governing Council, but without voting rights.	(2) Le Secrétaire exécutif participe aux réunions du Conseil d'administration mais sans voix délibérative.
(3) Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'Umuyobozi w'Inama n'umwanditsi w'inama ikirangira.	(3) A written record of decisions of the meeting of the General Assembly is jointly signed by the Chairperson and rapporteur of the meeting immediately after the meeting.	(3) Un relevé écrit des décisions de la réunion de l'Assemblée générale est cosigné par le Président et le rapporteur de la réunion immédiatement après la réunion.
(4) Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira.	(4) The minutes of the meeting of the Governing Council are jointly signed by the Chairperson and rapporteur of the meeting, and are approved at the	(4) Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration est cosigné par le Président et le rapporteur de la réunion lors de la réunion suivante.

<u>Ingingo ya 21:</u> Itumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ry’undi muntu (1) Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w’ibygwa. (2) Utumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa. <u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa (1) Iyo uri mu bagize Inama y’Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, ahita amenyesha Inama y’Ubuyobozi aho iyo nyungu ishingiyeye. (2) Ugize Inama y’Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo gisuzumwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.	following meeting. <u>Article 21:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Governing Council (1) The Governing Council may invite to its meeting a resource person whom it believes can provide it with advice on any item on the agenda. (2) The invited person is neither allowed to vote nor follow debates on other items on the agenda. <u>Article 22:</u> Personal interest in an issue under consideration (1) When a member of the Governing Council has a direct or indirect personal interest in an issue under consideration, he or she immediately discloses to the Governing Council the origin of the interest. (2) A member of the Governing Council having disclosed his or her interest in an issue under consideration does not attend the meeting deliberating on that issue.	<u>Article 21:</u> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’administration (1) Le Conseil d’administration peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il estime qu’elle est en mesure de lui donner des conseils sur un quelconque point à l’ordre du jour. (2) La personne invitée n’est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d’autres points à l’ordre du jour. <u>Article 22 :</u> Intérêt personnel dans une question à l’examen (1) Lorsqu’un membre du Conseil d’administration a un intérêt personnel direct ou indirect dans une question à l’examen, il informe immédiatement le Conseil de l’origine dudit intérêt. (2) Un membre du Conseil d’administration qui a déclaré son intérêt dans une question à l’examen n’assiste pas à la réunion qui délibère sur cette question.
---	--	---

(3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka kugifataho icyemezo, icyo kibazo gishyikirizwa Inteko Rusange, ikagifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye umunsi igishyikirijwe.	(3) When it is established that most or all of the members of the Governing Council have an interest, whether direct or indirect, in the issue under consideration, making it impossible to decide on the issue, the issue is referred to the General Assembly for decision within 30 days from referral thereof.	(3) Lorsqu'il est établi que la plupart ou l'ensemble des membres du Conseil d'administration ont un intérêt direct ou indirect dans la question à l'examen, rendant ainsi impossible une décision sur cette question, celle-ci est renvoyée à l'Assemblée générale pour décision dans les 30 jours à compter du renvoi.
<u>Ingingo ya 23: Uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubuyobozi</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi baryozwa umwe ku giti cye cyangwa bose ibyo bahombeje cyangwa bangije n'amakosa bakoreye IPPR mu gihe bari mu mirimo yabo, uretse ugize Inama y'Ubuyobozi wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi y'uwo munsi.	<u>Article 23: Liability of members of the Governing Council</u> Members of the Governing Council are held individually or collectively liable for losses or damages they cause and wrongful acts they commit against the IPPR in the course of their duties, with the exception of a member of the Governing Council having expressed his or her dissenting opinion on a decision taken, provided that such an opinion is recorded in the minutes of the relevant meeting of the Governing Council.	<u>Article 23: Responsabilité des membres du Conseil d'administration</u> Les membres du Conseil d'administration sont tenus, individuellement ou solidairement, responsables des pertes ou dommages causés par eux ainsi que des fautes commises par eux envers l'IPPR dans l'exercice de leurs fonctions, à l'exception d'un membre du Conseil d'administration ayant exprimé une opinion dissidente sur une décision prise, laquelle opinion est consignée au procès-verbal de la réunion concernée du Conseil d'administration.
<u>Ingingo ya 24: Kumenyekanisha urutonde rw'abanyamuryango bujuje ibisabwa</u> (1) Inama y'Ubuyobozi imenyesha bitarenze tariki ya 31 Nyakanga ya buri mwaka, Minisitiri ufite amasoko ya	<u>Article 24: Publication of the list of members meeting requirements</u> (1) The Governing Council communicates, no later than 31 July each year, to the Minister in charge of public	<u>Article 24: Publication de la liste des membres remplissant les exigences</u> (1) Le Conseil d'administration communique, au plus tard le 31 juillet de chaque année, au Ministre ayant les

Leta mu nshingano, ikagera kopi Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano, urutonde rw'abanyamuryango bujuje ibisabwa kugeza tariki ya 30 Kamena z'uwo mwaka. (2) IPPR itangaza urutonde rw'abanyamuryango bujuje ibisabwa ku rubuga rwa murandasi rwayo. (3) Amategeko ngengamikorere ya IPPR aha uburyo urutonde ruvugwa mu gika cya (2) ruvugururwa n'ibigomba kubahirizwa. <u>Akiciro ka 3: Komite</u> <u>Ingingo ya 25: Komite za IPPR</u> (1) Komite za IPPR ni izi zikurikira: (a) Komite ishinze iyandikwa n'amasomo mbonezamwaga; (b) Komite ishinze imyitwarire. (2) Hashobora kandi gushyirwaho Komite idasanzwe.	procurement, with a copy to the public organ in charge of public procurement, the list of members meeting requirements as at 30 June of the same year. (2) The IPPR publishes on its website the list of members meeting requirements. (3) The Rules of Procedure of IPPR determine modalities and requirements for updating the list referred to in Paragraph (2). <u>Subsection 3: Committees</u> <u>Article 25: Committees of IPPR</u> (1) The Committees of IPPR are the following: (a) the Committee in charge of Registration and Professional Development; (b) the Disciplinary Committee. (2) An ad hoc committee may also be established.	marchés publics dans ses attributions, avec copie à l'organe public ayant les marchés publics dans ses attributions, la liste des membres remplissant les exigences jusqu'au 30 juin de la même année. (2) L'IPPR publie sur son site web la liste des membres remplissant les exigences. (3) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités et les conditions de mise à jour de la liste visée au Paragraphe (2). <u>Sous-section 3 : Comités</u> <u>Article 25 : Comités de l'IPPR</u> (1) Les Comités de l'IPPR sont les suivants : (a) Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel ; (b) Comité de discipline. (2) Un comité ad hoc peut être également créé.
---	---	--

(3) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena uburyo Komite idasanzwe ishyirwaho. <u>Ingingo ya 26:</u> Abagize Komite ishinze iyandikwa n'amasomo mbonezambwaga na manda yabo (1) Komite ishinze iyandikwa n'amasomo mbonezambwaga igizwe n'aba bakurikira: (a) abanyamuryango batandatu bemezwa n'Inteko Rusange ibashyikirijwe n'Inama y'Ubuyobozi, barimo Perezida, Visi Perezida n'umwanditsi; (b) abantu batatu batorwa n'ibigo bitangirwamo amasomo mbonezambwaga byemewe na IPPR. (2) Uretse abagize Komite bayijyamo kubera imirimo bakora, abandi bagize Komite bagira manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa. (3) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena uburyo amatora y'abagize Komite ishinze iyandikwa	(3) The Rules of Procedure of IPPR determine modalities for the establishment of an ad hoc committee. <u>Article 26:</u> Composition of the Committee in charge of Registration and Professional Development and its members' term of office (1) The Committee in charge of Registration and Professional Programme comprises the following members: (a) six members nominated by the Governing Council and approved by the General Assembly, including a Chairperson, a Vice Chairperson and a secretary; (b) three persons elected by IPPR-licenced centres delivering the professional programme. (2) With the exception of its ex officio members, other members of the Committee serve for a three-year term of office, renewable. (3) The Rules of Procedure of IPPR determine modalities for the conduct of elections of members of	(3) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités de création d'un comité ad hoc. <u>Article 26 :</u> Composition du Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel et mandat de ses membres (1) Le Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel comprend les membres suivants : (a) six membres désignés par le Conseil d'administration et approuvés par l'Assemblée générale, parmi lesquels un Président, un Vice-président et un secrétaire ; (b) trois personnes élues par les centres agréés par l'IPPR qui dispensent le programme professionnel. (2) À l'exception de ses membres d'office, les autres membres du Comité ont un mandat de trois ans, renouvelable. (3) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités d'organisation des élections des
--	--	--

n'amasomo mbonezamwuga bavugwa mu gika cya (1)(b) akorwa.	the Committee in charge of Registration and Professional Development referred to in Paragraph (1)(b).	membres du Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel visés au Paragraphe (1) (b).
<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano za Komite ishinzwe iyandikwa n'amasomo mbonezamwuga	<u>Article 27:</u> Responsibilities of the Committee in charge of Registration and Professional Development	<u>Article 27:</u> Attributions du Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel
Komite ishinzwe iyandikwa n'amasomo mbonezamwuga ifite inshingano zikurikira:	The Committee in charge of Registration and Professional Development has the following responsibilities:	Le Comité en charge de l'inscription et du développement professionnel a les attributions suivantes :
(a) gusuzuma ubusabe bw'abasaba kuba abanyamuryango ba IPPR;	(a) to consider IPPR membership applications;	(a) examiner les demandes d'adhésion à l'IPPR ;
(b) gutegura integanyanyigisho n'imfashanyigisho za kinyamwuga mu itangwa ry'amasoko;	(b) to develop professional training curricula and materials in professional procurement;	(b) développer des programmes et matériels de formation professionnelle en matière de passation des marchés ;
(c) gutegura gahunda ya buri mwaka y'amahugurwa mbonezamwuga no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;	(c) to develop the annual calendar of IPPR training courses and follow up on its implementation;	(c) préparer le calendrier annuel des formations de l'IPPR et faire le suivi de sa mise en œuvre ;
(d) gutegura, gukoresha no gukosora ibizamini bihabwa abakurikiranye amasomo mbonezamwuga;	(d) to prepare, administer and mark examinations for the professional programme participants;	(d) préparer, faire subir et corriger les examens organisés pour les participants du programme professionnel ;
(e) gusuzuma ubusabe bw'ibigo byifuza uruhushya rwo gutanga	(e) to consider applications from institutions seeking a licence to	(e) examiner les demandes de licence soumises par les institutions

amasomo n'amahugurwa mbonezamwuga cyangwa ibitangirwamo ibizamini; (f) kugira inama Inama y'Ubuyobozi ku byerekeye ikiguzi cya serivisi ziri mu nshingano zayo; (g) gutegura ibipimo ngenderwaho mu itangwa ry'ibyemezo biyanyane n'inshingano zayo; (h) gukurikirana ubusabe bw'iyandikwa ku rutonde rw'abanyamuryango; (i) gukurikirana itangwa ry'amasomo mbonezamwuga; (j) gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi. <u>Ingingo ya 28: Abagize Komite ishinze imyitwarire na manda yabo</u> (1) Komite ishinze imyitwarire igizwe n'aba bakurikira: (a) abanyamuryango batanu batorwa n'Inteko Rusange,	deliver professional modules and training or to serve as examination centres; (f) to advise the Governing Council on the fees charged for services falling within its responsibilities; (g) to establish standards for issuing certificates falling within its responsibilities; (h) to follow up on applications for registration on the list of members; (i) to follow up on the delivery of professional development; (j) to perform any other duty as may be assigned by the Governing Council. <u>Article 28: Composition of the Disciplinary Committee and term of office of its members</u> (1) The Disciplinary Committee comprises the following members: (a) five members elected by the General Assembly, including the	souhaitant dispenser des modules et une formation professionnels ou servir de centres d'examen ; (f) conseiller le Conseil d'administration sur les frais facturés pour les services relevant de ses attributions ; (g) établir des normes d'octroi de certificats relevant de ses attributions ; (h) faire le suivi des demandes d'inscription des membres sur la liste des membres ; (i) faire le suivi du déroulement du développement professionnel ; (j) accomplir toute autre tâche pouvant lui être confiée par le Conseil d'administration. <u>Article 28 : Composition du Comité de discipline et mandat de ses membres</u> (1) Le Comité de discipline comprend les membres suivants : (a) cinq membres élus par l'Assemblée générale, dont un Président, un
--	--	--

barimo Perezida, Visi Perezida n'umwanditsi; (b) uhagarariye Urugaga rw'Abikorera; (c) uhagarariye Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda. (2) Uretse abagize Komite bayijyamo kubera imirimo bakora, abagize Komite ishinze imyitwarire bagira manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe. (3) Amategeko ngengamikorere ya IPPR aha uburyo amatora y'abagize Komite ishinze imyitwarire akorwa. <u>Ingingo ya 29: Inshingano za Komite ishinze imyitwarire</u> (1) Komite ishinze imyitwarire ifite inshingano zikurikira: (a) kugenzura ko abanyamuryango ba IPPR bubahiriza amategeko; (b) usuzuma ibibazo byerekeye imyitwarire y'abanyamuryango ba IPPR;	Chairperson, the Vice Chairperson and the Secretary; (b) a representative of the Private Sector Federation; (c) a representative of the Bar Association in Rwanda. (2) With the exception of its ex officio members, members of the Disciplinary Committee serve for a three-year term of office, renewable once. (3) The Rules of Procedure of IPPR determine the modalities for the conduct of the elections of members of the Disciplinary Committee. <u>Article 29: Responsibilities of the Disciplinary Committee</u> (1) The Disciplinary Committee has the following responsibilities: (a) to monitor whether members of IPPR comply with the laws; (b) to consider issues related to the discipline of the members of IPPR;	Vice-président et un secrétaire ; (b) un représentant de la Fédération du Secteur privé ; (c) un représentant de l'Ordre des avocats au Rwanda. (2) À l'exception de ses membres d'office, les membres du Comité de discipline ont un mandat de trois ans, renouvelable une fois. (3) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités des élections des membres du Comité de discipline. <u>Article 29 : Attributions du Comité de discipline</u> (1) Le Comité de discipline a les attributions suivantes : (a) surveiller le respect des lois par les membres de l'IPPR ; (b) examiner les questions liées à la discipline des membres de l'IPPR ;
--	---	---

(c) gutanga ibihano biteganywa n'amategeko ngengamyitwarire ya IPPR; (d) kurwanya akarengane; (e) gushyikiriza Inteko Rusange raporo y'ibikorwa buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa; (f) gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	(c) to impose the sanctions provided for by the Code of Ethics of IPPR; (d) to fight against injustice; (e) to submit to the General Assembly the activity report each year and whenever necessary; (f) to perform any other duty as may be assigned by the Governing Council.	(c) imposer les sanctions prévues par le Code de déontologie de l'IPPR ; (d) lutter contre l'injustice ; (e) soumettre à l'Assemblée générale le rapport d'activités chaque année et chaque fois que de besoin ; (f) accomplir toute autre tâche pouvant lui être confiée par le Conseil d'administration.
<u>Ingingo ya 30: Imikorere ya Komite</u> (1) Buri Komite ya IPPR iterana rimwe mu gihembwe n'igihe bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari. Iyo bombi badahari abanyamuryango bagize Komite bitoramo utumiza inama akanayiyobora. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena uburyo inama za Komite zitumizwa, ibisabwa kugira ngo ziterane, uburyo ibyemezo bifatwa n'uko bigezwa ku bo bireba n'ibindi	<u>Article 30: Functioning of the Committees</u> (1) Each Committee of IPPR meets once a quarter and whenever necessary, convened by its Chairperson or, in his or her absence, by its Vice Chairperson. If both are absent, members of the committee elect from among themselves a member who convenes and chairs the meeting. (2) The Rules of Procedure of IPPR determine the modalities for convening Committee meetings, requirements for the holding thereof, modalities for making	<u>Article 30: Fonctionnement des Comités</u> (1) Chaque Comité de l'IPPR se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en son absence, de celle de son Vice-président. En cas d'absence des deux, les membres du comité élisent en leur sein, un membre qui convoque et préside la réunion. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités de convocation des réunions des Comités, les conditions de leur tenue, les modalités de prise de décisions et de transmission

bijyanye n'imikorere ya Komite.	decisions and for the transmission of such decisions to those concerned and other matters pertaining to the functioning of the Committee.	de ces dernières aux personnes concernées ainsi que d'autres questions relatives au fonctionnement du Comité.
<u>Akiciro ka 4: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Subsection 4: Executive Secretariat</u>	<u>Sous-section 4 : Secrétariat exécutif</u>
<u>Ingingo va 31: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa IPPR</u>	<u>Article 31: Composition of the Executive Secretariat of IPPR</u>	<u>Article 31 : Composition du Secrétariat exécutif de l'IPPR</u>
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa IPPR bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi.	The Executive Secretariat of IPPR consists of an Executive Secretary and other staff members.	Le Secrétariat exécutif de l'IPPR comprend un Secrétaire exécutif et d'autres membres du personnel.
<u>Ingingo ya 32: Ishyirwaho ry'abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 32: Appointment of members of the Executive Secretariat</u>	<u>Article 32 : Nomination des membres du Secrétariat exécutif</u>
(1) Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bashyirwaho binyuze mu ipiganwa.	(1) Members of the Executive Secretariat are appointed after a competition.	(1) La nomination des membres du Secrétariat exécutif se fait à la suite d'un concours.
(2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR aGENA uburyo abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bapiganwa, bashyirwa mu myanya y'imirimo n'imicungire yabo.	(2) The Rules of Procedure of IPPR determine modalities for competition, placement and management of members of the Executive Secretariat.	(2) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités de concours pour les membres du Secrétariat exécutif, de leur placement et de leur gestion.

Ingingo va 33: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa	Article 33: Responsibilities of the Executive Secretary	Article 33 : Attributions du Secrétaire exécutif
Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa IPPR ni izi zikurikira: (a) guhuza no kuyobora ibikorwa bya buri munsu bya IPPR; (b) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inzego za IPPR; (c) kuba umwanditsi w'inama y'Inteko Rusange n'uw'inama y'Inama y'Ubuyobozi; (d) gushaka no gucunga abakozi n'umutungo bya IPPR; (e) gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya IPPR; (f) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka urangiye; (g) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira;	The Executive Secretary of IPPR has the following responsibilities: (a) to coordinate and direct daily activities of IPPR; (b) to follow up on the implementation of decisions of the organs of IPPR; (c) to serve as rapporteur of the meeting of the General Assembly and Governing Council; (d) to recruit and manage the staff and property of IPPR; (e) to execute the budget of IPPR; (f) to prepare and submit to the Governing Council the activity report and financial report of the preceding year; (g) to prepare and submit to the Governing Council the action plan and draft budget proposal for the following year;	Le Secrétaire exécutif de l'IPPR a les attributions suivantes : (a) coordonner et diriger les activités quotidiennes de l'IPPR ; (b) faire le suivi de la mise en œuvre des décisions des organes de l'IPPR ; (c) faire office de rapporteur de la réunion de l'Assemblée générale et du Conseil d'administration ; (d) recruter et gérer le personnel et le patrimoine de l'IPPR ; (e) exécuter le budget de l'IPPR ; (f) préparer et soumettre au Conseil d'administration le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire pour l'exercice écoulé ; (g) préparer et soumettre au Conseil d'administration le plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ;

(h) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi igenamigambi ry'igihe kirekire rya IPPR;	(h) to prepare and submit to the Governing Council the strategic plan of IPPR;	(h) préparer et soumettre au Conseil d'administration le plan stratégique de l'IPPR ;
(i) gushyira mu bikorwa igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa y'umwaka;	(i) to implement the strategic plan and the annual action plan;	(i) mettre en œuvre le plan stratégique et le plan d'action annuel ;
(j) gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi raporo y'imigendekere y'ibikorwa bya buri gihembwe;	(j) to submit to the Governing Council a quarterly activity report;	(j) soumettre au Conseil d'administration le rapport d'activités trimestriel ;
(k) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'amategeko ngengamikorere ya IPPR;	(k) to prepare and submit to the Governing Council the draft proposal of the Rules of Procedure of IPPR;	(k) élaborer et soumettre au Conseil d'administration l'avant-projet de Règlement intérieur de l'IPPR ;
(l) gutegura umushinga w'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya IPPR;	(l) to prepare the draft organisational structure of IPPR;	(l) élaborer le projet de structure organisationnelle de l'IPPR ;
(m)kwakira dosiye z'abasaba kuba abanyamuryango ba IPPR;	(m)to receive application files for membership in the IPPR;	(m) recevoir les dossiers de demande d'adhésion à l'IPPR ;
(n) gutanga inama abyibwirije cyangwa abisabwe n'urundi rwego, ku bibazo byose birebana na IPPR;	(n) to provide advice, on its own initiative or at the request by another organ, on matters pertaining to the IPPR;	(n) donner, de sa propre initiative ou à la demande d'un autre organe, des avis sur toutes les questions liées à l'IPPR ;
(o) gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	(o) to perform any other duty as may be assigned by the Governing Council.	(o) accomplir toute autre tâche que le Conseil d'administration peut lui confier.

<u>Iciviro cya 2: Imikorere</u> <u>Ingingo ya 34: Imikorere n'imikoranire by'inzego z'ubuyobozi za IPPR</u> Amategako ngengamikorere ya IPPR ateganya uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego zayo budateganyijwe n'iri tegeko, akanagena ibigenerwa abazigize. <u>UMUTWE WA IV: IBYICIRO BY'ABANYAMURYANGO N'UBUNYAMURYANGO BWA IPPR</u> <u>Iciviro cya mbere: Ibyiciro by'abanyamuryango ba IPPR</u> <u>Ingingo ya 35: Ibyiciro by'abanyamuryango ba IPPR</u> Abanyamuryango ba IPPR bari mu byiciro bikurikira: (a) umuntu ku giti cye; (b) ikigo gifite ubuzimagatozi.	<u>Section 2: Functioning</u> <u>Article 34: Functioning and collaboration of organs of IPPR</u> The Rules of Procedure of IPPR determine modalities for the functioning and collaboration of its organs that are not provided for by this Law as well as benefits granted to members of such organs. <u>CHAPTER IV: CATEGORIES OF MEMBERS AND MEMBERSHIP IN IPPR</u> <u>Section One: Categories of members of IPPR</u> <u>Article 35: Categories of members of IPPR</u> Members of IPPR fall into the following categories: (a) an individual; (b) a legal entity.	<u>Section 2 : Fonctionnement</u> <u>Article 34 : Fonctionnement et de collaboration des organes de l'IPPR</u> Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine les modalités de fonctionnement et de collaboration de ses organes non prévues par la présente loi ainsi que les avantages accordés aux membres de ces organes. <u>CHAPITRE IV : CATÉGORIES DE MEMBRES ET QUALITÉ DE MEMBRE DE L'IPPR</u> <u>Section première : Catégories de membres de l'IPPR</u> <u>Article 35 : Catégories de membres de l'IPPR</u> Les membres de l'IPPR se classent dans les catégories suivantes : (a) individu ; (b) personne morale.
--	---	---

Ingingo va 36: Ibyiciro by'abanyamuryango ku giti cyabo n'ibyo basabwa	Article 36: Categories of and requirements for individual members	Article 36: Catégories et conditions pour membres individuels
(1) Umunyamuryango wa IPPR agomba kuba yujuje, nibura kimwe muri ibi bikurikira: (a) kuba afite impamyabushobozi ya kinyamwuga mu itangwa ry'amasoko “CPP(R)” mu magambo ahinnye y'Icyongereza yatanzwe na IPPR; (b) kuba afite impamyabushobozi ya kinyamwuga mu itangwa ry'amasoko yatanzwe n'Urugaga rwo mu kindi gihugu rufite ubunyamuryango bwuzuye muri IFPSM cyangwa izindi ngaga. (2) Umunyamuryango wa IPPR w'inzobere mu itangwa ry'amasoko ufite inyito mpine y'umwuga ya “FCPP(R)” mu magambo ahinnye y'Icyongereza bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi bikemezwa n'Inteko Rusange, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:	(1) A member of IPPR who must meet at least one of the following requirements: (a) to hold a CPP(R) professional certificate issued by IPPR; (b) to hold a professional procurement certificate issued by an institute based in another country and which has full membership in IFPSM or other institutes. (2) A certified procurement professional holding a professional designation of “FCPP(R)” must, at the request of the Governing Council and upon approval by the General Assembly, satisfy the following requirements:	(1) Un membre de l'IPPR qui doit remplir au moins l'une des conditions suivantes : (a) être détenteur d'un certificat professionnel en passation des marchés, « CPP(R) » en sigle anglais, délivré par l'IPPR ; (b) être détenteur d'un certificat professionnel en passation des marchés délivré par un institut établi dans un autre pays et qui est membre à part entière de l'IFPSM ou d'autres instituts. (2) Un professionnel certifié en passation des marchés ayant le titre professionnel de « FCPP(R) », en sigle anglais, doit, à la demande du Conseil d'administration et après approbation de l'Assemblée générale, satisfaire aux conditions suivantes :

(a) kuba amaze nibura imyaka icumi ikurikirana akora imirimo ijyanye n'itangwa ry'amasoko; (b) kuba yubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga IPPR; (c) kuba yaragize uruhare mu buryo bugaragara mu guteza imbere umwuga wo gutanga amasoko mu Rwanda. (3) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena ibishingirwaho mu kugaragaza umunyamuryango wa IPPR wagize uruhare mu buryo bugaragara mu guteza imbere umwuga wo gutanga amasoko mu Rwanda. <u>Iciviro cya 2: Kuba umunyamuryango wa IPPR</u> <u>Ingingo ya 37: Umuntu ku giti cye usaba kuba umunyamuryango wa IPPR</u> (1) Umuntu ku giti cye usaba kuba umunyamuryango wa IPPR agomba kuba afite impamyabushobozi itangwa	(a) to have at least ten consecutive years of experience in procurement-related activities; (b) to be compliant with the laws and regulations governing the IPPR; (c) to have made a significant contribution to the advancement of the procurement profession in Rwanda. (3) The Rules of Procedure set out criteria for identifying a member of IPPR having made a significant contribution to the advancement of the procurement profession in Rwanda. <u>Section 2: Acquisition of membership in IPPR</u> <u>Article 37: Application by an individual for membership in IPPR</u> (1) An individual who applies for membership in IPPR must hold an IPPR awarded certificate or which is internationally recognised.	(a) avoir une expérience d'au moins dix années consécutives dans les activités relatives à la passation des marchés ; (b) être en conformité avec les lois et Règlements régissant l'IPPR ; (c) avoir contribué de manière significative à l'avancement de la profession de passation des marchés au Rwanda. (3) Le Règlement intérieur fixe les critères d'identification d'un membre de l'IPPR ayant contribué de manière significative à l'avancement de la profession de passation des marchés au Rwanda. <u>Section 2: Acquisition de la qualité de membre de l'IPPR</u> <u>Article 37: Demande d'admission en qualité de membre de l'IPPR par un individu</u> (1) Un individu qui adresse une demande d'admission en qualité de membre de l'IPPR doit être détenteur d'un certificat délivré par
---	--	---

na IPPR cyangwa yemewe ku rwego mpuzamahanga. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR agena ibindi bisabwa umuntu ku giti cye usaba kuba umunyamuryango wa IPPR. <u>Ingingo ya 38: Ikigo gifite ubuzimagatozi gisaba kuba umunyamuryango wa IPPR</u> (1) Ikigo gifite ubuzimagatozi gisaba kwiandikisha nk'umunyamuryango wa IPPR kigomba kuba kigizwe n'abanyamuryango barenze umwe bujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 37. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR agena ibindi bisabwa mu kwandika ikigo gifite ubuzimagatozi gisaba kuba umunyamuryango wa IPPR. <u>Ingingo ya 39: Igitabo cyandikwamo abanyamuryango ba IPPR</u> (1) IPPR igira igitabo cyandikwamo abanyamuryango bayo, mu buryo bw'ububiko bw'amakuru. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR	(2) The Rules of Procedure of IPPR determine other requirements for application by an individual for membership in IPPR. <u>Article 38: Application by a legal entity for membership in IPPR</u> (1) A legal entity applying for being registered as a member of IPPR must comprise more than one member that fulfils the requirements provided for in Article 37. (2) The Rules of Procedure of IPPR determine other requirements for registration of a legal entity applying for membership in IPPR. <u>Article 39: Register of members of IPPR</u> (1) The IPPR maintains a register in which its members are recorded in the form of a database. (2) The Rules of Procedure of IPPR	l'IPPR ou reconnu à l'échelle internationale. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine d'autres conditions de demande d'admission en qualité de membre de l'IPPR par un individu. <u>Article 38: Demande d'admission en qualité de membre de l'IPPR par une personne morale</u> (1) Une personne morale qui adresse une demande d'inscription en qualité de membre de l'IPPR doit se composer de plus d'un membre remplissant les conditions prévues à l'article 37. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR détermine d'autres conditions d'inscription d'une personne morale qui adresse une demande d'admission en qualité de membre de l'IPPR. <u>Article 39: Registre des membres de l'IPPR</u> (1) L'IPPR tient un registre où sont inscrits ses membres sous la forme d'une base de données. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR
--	--	---

agena imiterere y'igitabo kivugwa mu gika cya (1), uburyo gihuzwa n'igihe n'ibikurikizwa mu kwandika abanyamuryango ba IPPR.	determine the format of the register referred to in Paragraph (1), modalities for the updating thereof and requirements for the registration of members of IPPR.	détermine le format du registre visé au Paragraphe (1), les modalités de sa mise à jour et les conditions d'inscription des membres de l'IPPR.
<u>Ingingo ya 40:</u> Gusaba uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga	<u>Article 40:</u> Application for licence to practice as an independent procurement professional	<u>Article 40 :</u> Demande de licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés
(1) Umunyamuryango wa IPPR wifuza gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga abisabira uruhushya mu nyandiko Perezida w'Inama y'Ubuyobozi.	(1) A member of IPPR who wishes to practice as an independent procurement professional sends a written application for a licence to that effect to the Chairperson of the Governing Council.	(1) Un membre de l'IPPR désireux d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés adresse, à cet effet, une demande de licence par écrit au Président du Conseil d'administration.
(2) Inyandiko isaba uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga igomba kuba iherekejwe n'ibi bikurikira:	(2) The application file for a licence to practice as an independent procurement professional must be accompanied by the following:	(2) Le dossier de demande de licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés doit s'accompagner des éléments suivants :
(a) icyemezo cy'ubunyamuryango;	(a) a certificate of membership;	(a) certificat de membre ;
(b) inyandiko igaragaza ko atuye cyangwa akorera mu Rwanda;	(b) a document attesting to the fact that the applicant resides or carries out his or her activity in Rwanda;	(b) document attestant que le requérant réside ou exerce son activité au Rwanda ;
(c) inyandiko igaragaza ko yishyuye amafaranga asabwa kugira ngo	(c) a document attesting to the fact that the applicant has paid the fees	(c) document attestant que le requérant a payé les frais requis pour

ahabwe icyemezo; (d) icyemezo kigaragaza ko atakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka. (3) Ikigo gifite ubuzimagatozi gisaba uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko kigomba kugaragaza ko abakigize bujuje ibisabwa biteganywa mu gika cya (2). <u>Ingingo ya 41:</u> Itangwa ry'uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga n'igihe rumara (1) Mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsu ubusabe bwakiriweho, Perezida w'Inama y'Ubuyobozi atanga uruhushya mu nyandiko rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga, iyo uwarusabye yujuje ibisabwa.	required for being issued a certificate; (d) a document attesting to the fact that the applicant has not been definitively sentenced to a term of imprisonment of no less than six months in a judgement which has become final. (3) A legal entity applying for a licence to practice as a procurement professional must provide proof that its members fulfil the requirements provided for under Paragraph (2). <u>Article 41:</u> Issuance and duration of validity of a licence to practice as an independent procurement professional (1) Within 30 days of the date of receipt of the application, the Chairperson of the Governing Council issues in writing a licence to practice as an independent procurement professional to the applicant who satisfies the requirements.	l'obtention d'un certificat ; (d) document attestant l'absence de condamnation définitive du requérant à une peine d'emprisonnement d'au moins six mois dans un jugement devenu définitif. (3) Une personne morale qui adresse une demande de licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés doit prouver que ses membres remplissent les conditions prévues au paragraphe (2). <u>Article 41 :</u> Octroi et durée de validité de licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés (1) Le Président du Conseil d'administration, dans 30 jours à compter du jour de réception d'une demande, accorde par écrit une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés au requérant qui remplit les conditions requises.
---	--	--

(2) Iyo ubusabe butemewe, uwasabye amenyeshwa impamvu mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsu ubusabe bwakiriwe. (3) Uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga rumara umwaka umwe ushobora kongerwa bisabwe mu nyandiko.	(2) If the application is denied, the reasons for denial are communicated in writing to the applicant within 30 days of the date of receipt of the application. (3) A licence to practice as an independent procurement professional is valid for a period of one year renewable upon written application.	(2) En cas de refus de la demande, les motifs de refus sont communiqués par écrit au requérant dans les 30 jours à compter du jour de réception de la demande. (3) Une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés est valable pour une durée d'un an renouvelable sur demande écrite.
<u>Ingingo ya 42:</u> Gusaba kongera igihe cy'uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga (1) Umunyamuryango wa IPPR ufite uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga ashobora gusaba mu nyandiko Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ko rwongererwa igihe. (2) Umunyamuryango wa IPPR uvugwa mu gika cya (1) ageza ubusabe bwe kuri Perezida w'Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 30 ngo uruhushya asanganywe rurangire.	<u>Article 42:</u> Application for renewal of a licence to practice as an independent procurement professional (1) A member of IPPR holding a licence to practice as an independent procurement professional may apply in writing to the Chairperson of the Governing Council for renewal of the licence. (2) The member of IPPR referred to in Paragraph (1) submits his or her application for renewal to the Chairperson of the Governing Council at least 30 days before the expiry of the current licence.	<u>Article 42:</u> Demande de renouvellement d'une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés (1) Un membre de l'IPPR détenteur d'une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés peut demander par écrit au Président du Conseil d'administration le renouvellement de cette licence. (2) Le membre de l'IPPR visé au paragraphe (1) soumet sa demande au Président du Conseil d'administration au moins 30 jours avant l'expiration de sa licence en cours.

(3) Iyo ubusabe butemewe, uwasabye amenyeshwa impamvu mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsu ubusabe bwakiriwe. (4) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena ibisabwa mu kongera igihe cy'uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga.	(3) If the application is denied, the reasons for denial are communicated in writing to the applicant within 30 days of the date of receipt of the application. (4) The Rules of Procedure of IPPR determine requirements for application for renewal of a licence to practice as a procurement professional.	(3) En cas de refus de la demande, les motifs de refus sont communiqués par écrit au requérant dans les 30 jours à compter du jour de réception de la demande. (4) Le Règlement intérieur de l'IPPR fixe les conditions de demande de renouvellement d'une licence d'exercer en qualité de professionnel en passation des marchés.
<u>Ingingo ya 43: Kwamburwa uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko</u> (1) Inama y'Ubuyobozi yambura umunyamuryango ku giti cye uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga iyo – (a) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabayeho ndakuka; (b) atagishoboye gukora imirimo ye bihoraho kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe na muganga wemewe na Leta;	<u>Article 43: Revocation of licence to practice the procurement profession</u> (1) The Governing Council revokes a licence to practice as an independent procurement professional held by an individual if he or she – (a) is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement which has become final; (b) is affected by a permanent inability to perform his or her duties due to an illness or disability certified by a recognised medical doctor;	<u>Article 43: Révocation d'une licence d'exercer la profession de passation des marchés</u> (1) Le Conseil d'administration révoque une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés détenue par un individu si – (a) il fait l'objet d'une condamnation à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement devenu définitif; (b) il est atteint d'une incapacité permanente à exercer ses fonctions en raison d'une maladie ou d'un handicap constatés par un médecin agréé ;

(c) ahamwe n'ikosa ryo mu rwego rw'imyitwarire rihanishwa igihano cyo gukurwa ku rutonde rw'abanyamuryango ba IPPR; (d) cyangwa yongeye gukora mu gihe cy'umwaka ikosa rihanishwa igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo. (2) Inama y'Ubuyobozi yambura ikigo gifite ubuzimagatozi uruhushya rwo gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga iyo – (a) kitacyujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 38; (b) cyangwa gihamwe n'ikosa ry'umwuga rihanishwa gukurwa ku rutonde rw'abanyamuryango ba IPPR. UMUTWE WA V: GUKORA UMWUGA WO GUTANGA AMASOKO MU BURYO BWIGENGA N'IBIHEMBO BIHABWA ABAWUKORA	(c) is found guilty of a disciplinary misconduct sanctioned by removal from the list of members of IPPR; or (d) engages in recidivism within the same year an act of misconduct sanctioned by suspension. (2) The Governing Council revokes a licence to practice as an independent procurement professional held by a legal entity when it – (a) no longer fulfils the requirements provided for in Article 38; or (b) is found guilty of a disciplinary fault sanctioned by removal from the list of members of IPPR. CHAPTER V: PRACTICING AS AN INDEPENDENT PROCUREMENT PROFESSIONAL AND RELATED REMUNERATIONS	(c) elle est reconnue coupable d'une faute disciplinaire sanctionnée par la radiation de la liste des membres de l'IPPR ; ou (d) il commet, au cours d'une même année, une récidive pour une faute ayant pour sanction une suspension. (2) Le Conseil d'administration procède à la révocation d'une licence d'exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés détenue par une personne morale lorsque – (a) elle ne remplit plus les conditions prévues à l'article 38 ; ou (e) elle est reconnue coupable d'une faute disciplinaire ayant pour sanction la radiation de la liste des membres de l'IPPR. CHAPITRE V: EXERCICE EN QUALITÉ DE PROFESSIONNEL INDÉPENDANT EN PASSATION DES MARCHÉS ET RÉMUNÉRATIONS Y AFFÉRENTES
--	---	---

<u>Iciviro cya mbere:</u> Gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga <u>Ingingo ya 44:</u> Gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga Umunyamuryango wa IPPR ufite uruhushya ni we wemerewe gukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga nk'uko biteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 45:</u> Ubwisanzure n'ubwigenge by'umunyamuryango wa IPPR Umunyamuryango wa IPPR akora mu bwisanzure no mu bwigenge yubahiriza amategeko. Icyakora, umunyamuryango wa IPPR ukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga yubahiriza kandi ibiteganywa n'amasezerano agirana n'uwo akorera. <u>Ingingo ya 46:</u> Imyitwarire y'umunyamuryango wa IPPR (1) Umunyamuryango wa IPPR arangwa n'ubunyamugayo, guhesha agaciro umwuga wo gutanga amasoko no kubahiriza amategeko agenga umwuga	<u>Section One:</u> Practicing as an independent procurement professional <u>Article 44:</u> Practicing as an independent procurement professional A member of IPPR holding a licence is permitted to practice as an independent procurement professional as provided for by this Law. <u>Article 45:</u> Freedom and independence of a member of IPPR A member of IPPR practices his or her profession freely and independently in compliance with the law. However, a member of IPPR who practices as an independent procurement professional also complies with the clauses of his or her contract with his or her client. <u>Article 46:</u> Conduct of a member of IPPR A member of IPPR is characterised by integrity, his or her contribution to the upholding of the dignity of the procurement profession and compliance	<u>Section première :</u> Exercice en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés <u>Article 44 :</u> Exercice en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés Un membre de l'IPPR détenteur d'une licence est habilité à exercer en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés comme prévu par la présente loi. <u>Article 45 :</u> Liberté et indépendance d'un membre de l'IPPR Un membre de l'IPPR exerce sa profession en toute liberté et indépendance dans le respect de la loi. Toutefois, un membre de l'IPPR qui exerce en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés se conforme également aux clauses de son contrat avec son client. <u>Article 46 :</u> Conduite d'un membre de l'IPPR Un membre de l'IPPR se caractérise par son intégrité, sa contribution à la préservation de la dignité de la profession de passation des marchés ainsi que par le
--	--	---

wo gutanga amasoko n'andi mategeko. (2) Amategeko ngengamyitwarire akena indi myitwarire iranga umunyamuryango wa IPPR. <u>Iciviro cya 2: Ibihembo bihabwa umunyamuryango wa IPPR ukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga</u> <u>Ingingo ya 47: Ibihembo</u> (1) Ibihembo bihabwa umunyamuryango wa IPPR ukora umwuga wo gutanga amasoko mu buryo bwigenga byishyurwa mu mafaranga. (2) Amasezerano hagati y'umunyamuryango wa IPPR ukora mu buryo bwigenga n'uwo akorera akena uburyo bwo kwishyurwa bwemeranyijweho. <u>Ingingo ya 48: Gutangaza ibihembo ngenderwaho</u> Ibihembo ngenderwaho byemejwe n'Inteko Rusange bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Bishyirwa kandi ku rubuga rwa murandasi	with the laws governing the procurement profession and other laws. The code of ethics determines other ethical standards required of a member of IPPR. <u>Section 2: Remunerations for a member of IPPR practicing as independent procurement professional</u> <u>Article 47: Remunerations</u> (1) Remunerations for a member of IPPR practicing as independent procurement professional are paid in monetary form. (2) The contract between a member of IPPR practicing as independent procurement professional and the client specifies agreed-upon payment terms. <u>Article 48: Publication of benchmark tariff for remunerations</u> The benchmark tariff for remunerations approved by the General Assembly is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It is also posted on	respect des lois régissant cette profession et des autres lois. Le code de déontologie détermine d'autres normes de déontologie exigées d'un membre de l'IPPR. <u>Section 2 : Rémunérations accordées à un membre de l'IPPR exerçant en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés</u> <u>Article 47 : Rémunérations</u> (1) Le paiement des rémunérations pour un membre de l'IPPR exerçant en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés se fait sous forme pécuniaire. (2) Le contrat conclu entre un membre de l'IPPR exerçant en qualité de professionnel indépendant en passation des marchés et le client précise les modalités de paiement convenues. <u>Article 48 : Publication du barème de référence des rémunérations</u> Le barème de référence des rémunérations approuvé par l'Assemblée générale est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il est également posté sur le
---	--	---

rwa IPPR bikanamenyeshwa Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.	the website of IPPR and communicated to the public organ in charge of public procurement.	site web de l'IPPR et communiqué à l'organe public ayant les marchés publics dans ses attributions.
<u>UMUTWE WA VI: Umutungo wa IPPR</u>	<u>CHAPTER VI: PROPERTY OF IPPR</u>	<u>CHAPITRE VI : PATRIMOINE DE L'IPPR</u>
<u>Ingingo ya 49: Umutungo wa IPPR n'inkomoko yawo</u>	<u>Article 49: Property of IPPR and its sources</u>	<u>Article 49 : Patrimoine de l'IPPR et ses sources</u>
(1) Umutungo wa IPPR ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira: (a) imisanzu y'abanyamuryango ba IPPR; (b) inyungu zikomoka ku bikorwa mbyazwamusaruro no ku ishoramari bya IPPR; (c) inkunga n'ubufasha mu by'imari yagenerwa na Leta; (d) impano; (e) indagano. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR akena ibikorwa mbyazwamusaruro bya IPPR n'izindi nkomoko z'umutungo	(1) The property of IPPR comprises movable and immovable assets. It comes from the following sources: (a) IPPR members' contributions; (b) earnings from income-generating activities and investments by IPPR; (c) subsidies and financial support as may be granted by the State; (d) donations; (e) bequests. (2) The Rules of Procedure specify income-generating activities of IPPR and other sources of its property.	(1) Le patrimoine de l'IPPR se compose de biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes : (a) cotisations des membres de IPPR; (b) revenus tirés des activités génératrices de revenus et des investissements de l'IPPR ; (c) subventions et soutien financier pouvant lui être accordés par l'État ; (d) dons ; (e) legs. (2) Le Règlement intérieur de l'IPPR spécifie les activités génératrices de revenus de l'IPPR et les autres sources

wayo. <u>Ingingo ya 50:</u> Ikoreshwa n’igenzurwa by’umutungo wa IPPR (1) Imari n’umutungo bya IPPR bikoreshwa hagamije gushyira mu bikorwa inshingano zayo. (2) Amategeko ngengamikorere ya IPPR ateganya uburyo umutungo wayo ukoreshwa n’uko ugenzurwa. <u>UMUTWE WA VII: IBIHANO, AMAKOSA N’UBURYO AKURIKIRANWA</u> <u>Ingingo ya 51:</u> Ibihano n’amakosa byo mu rwego rw’umwuga (1) Ibihano by’amakosa yo mu rwego rw’umwuga wo gutanga amasoko ni ibi bikurikira: (a) kwihanangirizwa ; (b) kugawa ; (c) guhagarikwa by’agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu;	<u>Article 50:</u> Use and audit of the property of IPPR (1) The revenues and property of IPPR are used for the purpose of performing its responsibilities. (2) The Rules of Procedure of IPPR determine modalities for the use and audit of its property. <u>CHAPTER VII: SANCTIONS, FAULTS AND RELATED DISCIPLINARY PROCEEDINGS</u> <u>Article 51:</u> Professional misconduct and sanctions (1) Faults and sanctions related to the procurement profession are as follows: (a) warning; (b) reprimand; (c) suspension for a period not exceeding six months;	de son patrimoine. <u>Article 50 :</u> Utilisation et audit du patrimoine de l’IPPR (1) Les revenus et le patrimoine de l’IPPR sont utilisés aux fins de l’accomplissement de ses attributions. (2) Le Règlement intérieur de l’IPPR détermine les modalités d’utilisation et d’audit de son patrimoine. <u>CHAPITRE VII : SANCTIONS, FAUTES ET PROCÉDURES DISCIPLINAIRES CONNEXES</u> <u>Article 51 :</u> Fautes et sanctions professionnelles (1) Les sanctions applicables aux fautes commises dans le cadre de la profession de passation des marchés sont les suivantes : (a) avertissement ; (b) blâme ; (c) suspension pour une période ne dépassant pas six mois ;
---	---	---

(d) kuvanwa ku rutonde rw'abanyamuryango ba IPPR. (2) Ibihano bivugwa mu gaka ka (a) n'aka (b) tw'igika cya (1) bitangwa ku makosa yoroheje mu mwuga wo gutanga amasoko. (3) Ibihano bivugwa mu gaka ka (c) n'aka (d) tw'igika cya (1) bitangwa ku makosa akomeye mu mwuga wo gutanga amasoko. (4) Amategako ngengamytwarire ya IPPR akena amakosa ahanishwa ibihano biteganywa muri iyi ngingo n'uburyo akurikiranwa. <u>UMUTWE WA VIII: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZIGAMA N'IZISOZA</u> <u>Ingingo ya 52: Inzego z'Urugaga zari zisanzweho</u> Inzego z'Urugaga rw'Impuguke mu gutanga amasoko zisanzweho hashingiwe ku itegeko n° 011/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rishyiraho Urugaga rw'impuguke mu gutanga amasoko,	(d) removal from the list of members of IPPR. (2) The sanctions referred to in Subparagraphs (a) and (b) of Paragraph (1) are applicable to minor faults in the procurement profession. (3) The sanctions referred to in Subparagraphs (c) and (d) of Paragraph (1) are applicable to serious faults in the procurement profession. (4) The code of ethics of IPPR determines the faults punishable by the sanctions provided for in this Article and related disciplinary proceedings. <u>CHAPTER VIII: TRANSITIONAL, SAVING AND FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 52: Organs of the Institute currently in place</u> The organs of the Association of procurement professionals currently in place under Law n° 011/2016 of 02/05/2016 establishing the Association of procurement professionals and	(d) radiation de la liste des membres de l'IPPR. (2) Les sanctions visées aux alinéas (a) et (b) du paragraphe (1) sont applicables aux fautes légères commises dans la profession de passation des marchés. (3) Les sanctions visées aux alinéas (c) et (d) du paragraphe (1) sont applicables aux fautes graves dans la profession de passation des marchés. (4) Le code de déontologie de l'IPPR détermine les fautes passibles des sanctions prévues par le présent article et la procédure disciplinaire connexe. <u>CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DE SAUVEGARDE ET FINALES</u> <u>Article 52 : Organes de l'Ordre actuellement en cours</u> Les organes de l'Ordre des professionnels en passation des marchés actuellement en place en vertu de la Loi n° 011/2016 du 02/05/2016 portant création de l'Ordre des professionnels de passation des marchés et
---	---	--

rikanagena imiterere n'imikorere byarwo zikomeza gukora mu gihe kitarenze imyaka ibiri ibarwa uherye umunsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	determining its organisation and functioning continue to function within two years of the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	déterminant son organisation et son fonctionnement continuent de fonctionner dans les deux ans à compter du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.
<u>Ingingo ya 53: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	<u>Article 53: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	<u>Article 53 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 54: Ingingo izigama ikanavanaho</u> Uretse ingingo ya 3 y'itegeko n° 011/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rishyiraho Urugaga rw'impuguke mu gutanga amasoko rikanagena imiterere n'imikorere byarwo ku byerekeye ishyirwaho ry'Urugaga rw'impuguke mu gutanga amasoko, izindi ingingo zaryo zivanyweho.	<u>Article 54: Saving and repealing provision</u> Save for Article 3 of Law n° 011/2016 of 02/05/2016 establishing the Association of procurement professionals and determining its organisation and functioning with regard to the establishment of the Association of procurement professionals, all other provisions of the said Law are repealed.	<u>Article 54 : Disposition de sauvegarde et abrogatoire</u> À l'exception de l'article 3 de la Loi n° 011/2016 of 02/05/2016 portant création de l'Ordre des professionnels de passation de marchés et déterminant son organisation et son fonctionnement en ce qui concerne la création de l'Ordre des professionnels en passation des marchés, toutes les autres dispositions légales de la même loi sont abrogées.
<u>Ingingo ya 55: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 55: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 55 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 27/06/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux